

IKINYARWANDA

Itariki : 28-29/06/2022

Isaha : 8h30-10h30



IKIZAMINI GISOZA IGIHEMBWE CYA 3

UMWAKA WA: 3

Amanota: /40

AMAZINA :

Umunsi wa mbere

KWITEGEREZA, KWANDIKA N'UBUMENYI BW'URURIMI

I. KWITEGEREZA NO KWANDIKA /Amanota 10

Andika ijambo rya buri shusho muri aya akurikira maze ukoresheje ibihokane bikurikira: **mpy, pw, nsy, nkw, mvw/** (Buri jambo ni amanota abiri)

1.....



2.....



3.



4.



5.



II. UBUMENYI BW'URURIMI /Amanota 20

a) Kuzuza interuro /Amanota 5

Uzurisha interuro amagambo akurikira: **inka, isoko, imineke, imboga, amavuta**

1. Murigo agiye ku
2.ni nziza ku buzima.
3.yange ikamwa amata menshi.
4. Yohani yisiga.....ahumura cyane.
5. Abana bakunda kurya

B. Imbusane /5

Simbuza amagambo aciyeho akarongo imbusane zayo zikurikira: **kurira, guhaguruka, gikomeye, inzobe, umuhungu**, hanyuma wandukure interuro.

1. Muneza afite umwana w' **umuhungu**. (Muneza afite umwana w')
2. Kaliza akunda **kurira**. (Kaliza akunda)
3. Hano hanyuze umuntu w' **inzobe**. (Hano hanyuze umuntu w'.....)
4. **Duhaguruke** niko umwarimu avuze. (..... ni ko umwarimu avuze)
5. Nkunda kurya ikigori **gikomeye**. (Nkunda kurya ikigori)

c. Inshamake /Amanota 10

Soma aka gakuru nurangiza utange inshamake yako

Agakuru: Indyo yuzuye

Ababyeyi ba Simoni bamenye ko afite imirire mibi.
Bukeye bajya kugisha inama umuturanyi wabo.
Yabagiriye inama yo kumugaburira indyo yuzuye .
Harimo amata, imbuto, imboga, ibijumba, n'amagi.
Baratashye babigenza uko babibwiwe.
Nuko Simoni akura neza agira ubwenge mu ishuri.

.....
.....
.....
.....
.....
.....
.....
.....
.....
.....

Agaca

Agaca kahoraga kajya gutwara imishwi kwa Mpyorero.

Yari amaze kurembywa n'ubuhemu bwako.

Umunsi umwe afata ingamba zo kubakira imishwi ye.

Agaca gasubiyeyo gasanga byarahindutse kabura aho kamenera.

Kagerageje kenshi ntibyakunda maze biragashobera.

Gakomeje kurembywa n'inzara kiyungura indi inama.

Kajya gushakisha ibyo kurya mu ishyamba kure y'ingo z'abantu.

Kararonka, kararya karahaga kanateganya iby'ahazaza.

Nuko kareka guhora gahombya aborozi b'inkoko.